



Kanama 2022

ikinyarwanda

**Igihe bakivuga ibyo, Yezu ubwe aba
nguyu ahagaze hagati yabo,
arababwira ati „nimugire amahoro!“**
(Lk 24,36)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

**Ha umwanya Yezu!
Give space to Jesus!**

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Yezu ntiyari akigoswe n’ahantu n’igihe ahubwo yashoboraga kubera hose icyarimwe. Umubiri we wari mu mva. Ariko yakomeje kuba uwo yari we yemwe na nyuma y’urupfu rwe. Yakomeje kuba umuntu nk’uwo yari we igihe yari akiri ku isi- we wazuwe n’Imana Se uri mu ijuru. Mu ntangiriro, byari bigoye ku nshuti ze kubyumvisha ubwenge bwazo. Gusa buhoro buhoro bashoboye kumenya ko Yezu yakomeje kubana na bo – atari ku buryo babibonesha amaso yabo y’umubiri ngo bamukoreho n’ibiganza byabo. Ariko ibimenyetso by’uko yari kumwe na bo byari ndashidikanywa. Ubwo yabaga ari kumwe na bo biyumvagamamo amahoro isi idashobora gutanga. Ibi kubyumvisha abandi wari umukoro utoroshye na mba. Nyamara byabagurumanaga mu mitima ku buryo batashoboraga kubiceceka. Babivugaga mu magambo, ugereranije avugitse n’uku: „Iyo twabaga turi hamwe, duhuje imitima twumvaga ko: Atagiye. Arahari. Aduha amahoro tutigeze tugira mu buzima. Kuri twe byari nk’aho we ubwe yatwibwiriye ati: Nimugire amahoro!“

Kuba Yezu ari kumwe natwe, umuntu abyumvira mu mbuto byera. Bitanga amahoro, umunezero, urumuri, bikagucanamo ikibatsi... Birashoboka ko nawe wakumva ko Yezu ari kumwe nawe. Araguhamagarira kumubera inshuti imuzi ndetse yumva ko agendana na yo. Urabe umuhanga muri ibyo, ushishikarire kumeya ko Yezu ahari. Ubwo ni bwo uzaba ushobora kuvuga uti: „Namubonesheje ibyuyumvo by’umutima wanjye“. Nahuriye na we mu mahoro we ubwe atanga ndetse nanamukoraho! Numviye ijwi rye mu ndiba y’umutima wanjye!“

Tomáš aradutekerereza: „Igihe kimwe nari kumwe n’abavandimwe banjye mu kiruhuko. Turi babiri twafashe urugendo, ikirere cyari kimeze neza, twerekeza mu misozi. Twaje kwicara imbere y’akazu twasanze kuri uwo musozi. Twari dukikijwe n’urusobe rw’imisozi iteye ubwuzu. Twatangiye kuganira. Twatekerereje umwe ku wundi inkuru z’ibyabaye mu mwaka washize, ibibazo buri wese yari afite ndetse n’imigambi y’ubuzima. Namutekerereje ibibazo byinshi byari bindemereye. Mu kanya gato umutima wanjye watangiye kuzura umunezero. Numvaga ko: Ntituri twenyine. Yezu arahari. Aduha amoro tutari dufite mbere. Yaduhaye urumuri nasanzemo ibisubizo by’ibibazo byinshi nari mfite ndetse mparankera n’ibitekerezo bishya bimfasha mu rugendo rw’ubuzima. Numvaga ari nk’aho: Uri (ndi) mu Ijuru. Yezu arahari. Kuko aho Yezu ari haba hari ijuru.“ – **Ha umwanya Yezu! Give space to Jesus!**

Ku bw’itsinda go4peace

Meinolf Wacker